## Guhamagara 911 – Ihamagarwa ryihutirwa

**(Serivisi yo gusemura irahari)**

Igihe cyihutirwa ni igihe cyose ubuzima bw'umuntu, umutekano we cyangwa umutungo biba biri mu kaga muri *ako kanya* kandi hari icyaha kiri gukorwa. Munsi hari amabwiriza yerekeye ibyo wakwitega n'inama.

### Ibyo wakwitega

- Sisitemu ikuyobora ku kigo kikwegereye kibungabunga umutekano w'abaturage.
- Nde, ibiki, hehe: Sobanura impamvu uhamagaye kandi uvuge niba bikiri kuba cyangwa byahagaze.
- Ibibazo by'uwo muvugana bizakuyobora.
- Yobora neza ahantu hakenewe ubufasha/aderesi, harimo na nomero y'inyubako, nomero y'umuryango, agace imbere nyubako.
- Tanga amazina yawe, aho uherereye na nomero ya telefoni.
- Guma ku murongo. NTUkupe kugeza igihe uwo muvugana agukupiye. Ibintu bihora bihinduka, amakuru mashya akaba yaba akenewe.

### Inama

- Komeza utuze - humeka.
- Subiza ibibazo byose kandi ukurikize amabwiriza.
- Igihe usobanura umuntu, shyiramo amakuru ku ndeshyo, imiterere y'umubiri, imyambaro n'ikimuranga yihariye (inkovu, ibyo yishushanyijeho, ubwanwa).
- Igihe usobanura ikinyabiziga, shyiramo ubwoko bwacyo, ibara, imiterere (imiryango 2, imiryango 4), ibikiranga bigitandukanya n'ibindi, pulake yacyo (nomero – yuzuye cyangwa igice, ibara rya pulake, leta).
- Aho ikinyabiziga cyerekeje cyangwa umuntu (niba yagiye n'amaguru).
- Abakoresha telefoni ngendanwa: uwo muvugana ntabona aderesi yawe; telefoni ngendanwa zizerekana ubutumburuke uriho n'icyerekezo.

## Non-Ihamagarwa ryihutirwa – 242-COPS (2677)

**(Serivisi yo gusemura irahari)**

Igihe kitihutirwa ni igihe ubuzima bw'umuntu, umutekano we cyangwa umutungo biba bitaragera mu kaga, ariko hakenewe ubufasha bwa polisi.

### Ubwoko bw'ibihe bitihutirwa

- Ubujura bukomeye ahatuwe – haciye igihe cyangwa nta gisambo kigaragara
- Ubujura bukomeye ku nyubako y'ubucuruzi – haciye igihe cyangwa nta gisambo kigaragara
- Ibirori byuzuye urusaku
- Igikorwa giteye amakenga

### Serivisi yakira telefoni z'ibitihutirwa

- Ubujura bworoheje ku modoka
- Ubujura bukomeye ku modoka
- Kwiba umwirondoro
- Ibikorwa byo kwangiza
- Guhuguza umutungo cyangwa ibikorwa
- Umutungo wasizwe na ba nyirawo

## Izindi nyandiko

Gutanga amakuru kuri interineti (icyongereza gusa): https://www.cabq.gov/police/file-a-police-report-online

Porogaramu APD: Gushakisha Atlas One muri Google Play cyangwa App Store

Gutanga raporo ku ishami ry'ibiro: Raporo yerekeye impanuka; Raporo yerekeye icyaha nta makuru y'uwakoze icyaha ahari

Ubumuga bwo kutumva cyangwa kutamenya kuvuga: Ikigo cyita ku mutekano w'abaturage gifite TTY/TDD ifasha mu itumanaho rinyuze mu gikoresho cyawe.

Kumenya icyongereza gike: Abakira telefoni bagera kuri serivisi zo gusemura kuri telefoni mu ndimi amagana.

ALBUQUERQUE POLICE

ONE ALBUQUERQUE APD